RSB
Rwanda Standards Board
ISO 9001 Certified

Kigali, on 11/03/2023.....
Reference: 279/RSB/DG01/2023

# ITANGAZO

Hashingiwe ku byavuye mu bugenzuzi bwakozwe ku tumashini *UV nails polish dryers* dukoreshwa mu nzu zitunganyirizwamo imisatsi n'inzara tukifashishwa mu kumisha inzara zasizwe imiti ihindura ibara, aho hagaragaye tumwe mu tumashini tutujuje ubuziranenge kandi tukaba twateza ingaruka ku buzima bw'abakiriya;

Hashingiwe ku biteganywa n'amabwiriza y'ubuziranenge ku bisabwa ku bikoresho byifashishwa mu gutunganya uburanga, by'umwihariko ibisabwa birebana n'utwo tumashini; kandi hagamijwe kubahiriza Itegeko N° 70/2019 ryo kuwa 10/01/2020 rigena ikoreshwa ry'ingero n'ibipimo mu Rwanda, Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) kiramenyesha abantu bose, abinjiza mu gihugu, abacuruza n'abakoresha utumashini twavuzwe haruguru ibi bikurikira:

- Abakoresha utumashini *UV Nail Polish Dryers* mu nzu zitunganya imisatsi n'inzara barasabwa kwihutira kudupimisha kugira ngo harebwe ko tucyujuje ubuziranenge kandi ko kudukoresha nta ngaruka byagira ku buzima bw'abakiriya.
- Ikigo cy'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye wifuza kwinjiza ibyo bikoresho mu Rwanda asabwa kugaragaza raporo y'ibipimo yatanzwe na laboratwari yemewe (Accredited Laboratory) kandi ibipimo bikaba byaremejwe hashingiwe ku mabwiriza mpuzamahanga y'ubuziranenge kuri ibyo bikoresho.
- Abakenera serivisi zo gutunganya imisatsi n'inzara barasabwa kubanza kubaza ibyerekeye ubuziranenge bw'utumashini dukoreshwa n'ababaha serivisi, kandi mu gihe cyose bakemanze ibikoresho bagatanga amakuru kuri RSB n'izindi nzego zifasha mu bugenzuzi bw'ubuziranenge kugira ngo bikurikiranwe.

RSB irakomeza gufatanya n'izindi nzego zishinzwe kugenzura ubuziranenge kugira ngo ibikubiye muri iri tangazo byubahirizwe kandi hakomeze gutangwa serivisi zo gutunganya uburanga zitagira ingaruka ku bakiriya.

Ku bindi bisobanuro cyangwa kudusangiza amakuru, wahamagara **3250 (itishyurwa)/ 0788303492.**

RSB irashimira ubufatanye bwiza bw'abacuruzi, abatanga serivisi n'abaguzi mu kwimakaza ikoreshwa ry'ibipimo byizewe na serivisi zitagira ingaruka ku buzima.

Bikorewe i Kigali kuwa 11/03/2023

RWANDA STANDARDS BOARD (RSB) — REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MURENZI Raymond**
**Umuyobozi Mukuru**